No 215 Kan_Nzeri2018

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## INDORERERZI Z'IHURIRO ZAGIRANYE IKIGANIRO NA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA



Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora Prof. Kalisa Mbanda

*Mu rwego rwo gutegura gukurikirana amatora y'Abadepite ateganijwe kuva tariki 02-04 Nzeri 2018, Ihuriro ryateguye inama nyunguranabitekerezo yahuje indorerezi z'Ihuriro zituruka mu Mitwe ya politiki irigize. Iyi nama yabaye tariki ya 30/08/2018 yahujwe n'iyatumijwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora harimo n'izindi ndorerezi zaturutse mu Gihugu no hanze yacyo mu rwego rwo gusobanurirwa aho imyiteguro y'amatora igeze, amategeko n'amabwiriza bizagenga indorerezi zizayakurikirira.*

Inama yabaye ku wa kane tariki 30.08.2018, ibera kuri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora Prof KALISA MBANDA yatangiye abwira izi ndorerezi ko amatora ari igikorwa cy'Abanyarwanda bose, ko iyo abaye neza avamo abayobozi beza, bafitiye urukundo igihugu n'abenegihugu, yaba nabi, bikagira ingaruka mbi ku gihugu cyose. Avuga ko amatora agira abafatanyabikorwa aribo abatora, abatorwa, abayobora amatora n'indorerezi ziyakurikirana.



Indorerezi zitabiriye iyi nama ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora

Perezida wa komisiyo yabwiye indorerezi ko ibikorwa Komisiyo imaze kugeraho ari byinshi; mu bishimwa cyane akaba ari uko yagabanuye ingengo y'imari yakoreshwaga aho yavuye ku madorari atatu (3$) muri 2008 akaba ageze hafi ku idorari rimwe (1$) ku muntu. Iki kigereranyo kandi gifatirwa ku bipimo mpuzamahanga aho ku muntu hakoreshwa amadorari ane (4$) ariko agaragaza ko hari abayarenza cyane. Avuga kandi ko hanashimwa ikoreshwa ry'ikoranabuhanga, haba mu kwiyandikisha kuri lisiti y'itora, kwikosoza, kwimura site y'itora no kureba aho uzatorera.

Perezida wa Komisiyo yagaragaje ibikorwa bigomba kuranga indorerezi zose, akamaro k'ibikorwa byazo, inshingano zazo muri iki gihe cy'amatora, uburenganzira bwazo n'imikorerwe n'imitangire ya raporo. Yabwiye izi ndorerezi ko zigomba kwegeranya amakuru nyayo ajyanye n'imigendekere y'amatora aho guhimba no gushaka icyahesha isura mbi igihugu.

Nyuma y'inama na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'izindi ndorerezi zose, Ihuriro ryagiranye ibiganiro n'indorerezi zaryo. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro akaba n'umuvigizi w'indorerezi z'Ihuriro yasabye izi ndorerezi kuzakorana neza n'abakozi n'abakorerabushake ba Komisiyo bagamije kuzuza neza inshingano zabo zo gukurikirana igikorwa cy'amatora nk'uko biteganywa mu mabwiriza bahawe.

Yasabye kandi izi indorerezi z'Ihuriro gukurikirana neza ibi bikorwa by'amatora y'abadepite nk'uko yateganijwe na Komisiyo kuko bizazifasha nk'indorerezi z'abanyapolitiki kureba intambwe Imitwe yabo ya politiki imaze gutera mu gutegura amatora, kwiyamamaza no kwitabira amatora.

Muri iyi nama, indorerezi z'Ihuriro zagejejweho ibikoresho byangombwa kugira ngo zibashe gukurikirana neza ibikorwa by'amatora biteganijwe gutangira ku wa mbere tariki ya 02 kugeza ku wa 04/08/2018 hirya no hino mu Gihugu.

## INDORERERZI Z'IHURIRO ZASHIMYE IMIGENDEKERE Y'AMATORA Y'ABAGIZE INTEKO ISHINGA AMATEGEKO UMUTWE W'ABADEPITE



Kuva tariki ya 02-04 Nzeri 2018, Indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye imyiteguro n'imiyoborere y'amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko/Umutwe w'Abadepite mu Turere twose tw' Igihugu zishima imigendekere yayo, ibi bikaba byagaragajwe kuri uyu wa gatatu tariki 05 Nzeri 2018 ubwo Indorerezi z'Ihuriro zagezaga raporo y'amatsinda zarimo ku Ihuriro.

Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryohereje mu Gihugu hose, Indorerezi mirongo icyenda n'icyenda (99) zituruka mu Mitwe ya Politiki cumi n'umwe (11) irigize, kugira ngo zikurikirane ibikorwa by'imyiteguro n'amatora nyirizina yabaye kuva tariki 02 kugeza tariki ya 04 Nzeri 2018. Mu nama yahuje abayobozi b'amatsinda n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro mu rwego rwo kurebera hamwe uko iki gikorwa cy'amatora cyagenze, hanategurwe itangazo rigenewe ibitangazamakuru, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana BURASANZWE Oswald yibukije ko iyo indorerezi z'Ihuriro zigiye mu gikorwa nk'iki zihabwa ubutumwa bwo kureba uko igikorwa cy'imyiteguro kuri za "sites" z'amatora kimeze; uko amatora yitabiriwe; uburyo amatora nyirizina yakozwe; uburyo ibyavuye mu matora byakiriwe n'abatora; zikanareba muri rusange ibijyanye n'umutekano n'ituze byaranze amatora.

Bungurana ibitekerezo, abitabiriye iyi nama bavuze ko ku wa 02 Nzeri 2018 bakurikiranye ibikorwa by'imyiteguro y'amatora ariko banakurikirana n'itora ry'abafite ubumuga, naho tariki ya 03 Nzeri 2018 bakurikirana imigendekere y'amatora mu Gihugu hose y'abadepite batorwa mu buryo butaziguye batanzwe n'Imitwe ya politiki n'abakandida bigenga, naho tariki ya 04 Nzeri 2018 bakurikirana amatora y'icyiciro cyihariye akorwa mu buryo buziguye arimo 30% by'abagore n'ay' Abadepite babiri (2) bazahagararira urubyiruko mu Nteko Ishinga Amategeko/Umutwe w'Abadepite.

Ku byerekeye imyiteguro y'amatora, aba bayobozi b'amatsinda bavuze ko Indorerezi z'Ihuriro zashimye uburyo amatora yateguwe kuko ahabereye amatora hari hateguye neza ndetse hari n'ibirango byerekana aho igikorwa giteganyijwe kubera.

Ku minsi y'amatora, Indorerezi z'Ihuriro zashimye uburyo byatangiriye igihe, abantu batoye mu mucyo, mu bwisanzure no mu mutekano. Bavuga kandi ko nk'uko bisanzwe abakorerabushake ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bagaragaje umurava n'ubwitange mu migendekere myiza y'ibikorwa by'amatora.

Nk'uko bigaragara mu itangazo ryashyizweho umukono n'Umuvugizi w'Indorerezi z'Ihuriro, indorerezi z'Ihuriro zemeza ko amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko/Umutwe w'Abadepite yateguwe neza ndetse n'amatora nyirizina akorwa mu mucyo.

Indorerezi z'Ihuriro zasanze kandi abaturage barasobanuriwe bihagije ibijyanye n'amatora kandi baranashishikarijwe kuyitabira ku buryo abaturage barangije igikorwa cyo gutora mbere y'igihe cyagenwe.

Nk'uko bigaragara muri iri tangazo kandi, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki ryashimye ubwitabire bw'abaturage muri aya matora, rikaba rishima Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'inzego zinyuranye zagize uruhare muri aya matora, agakorwa mu bwisanzure, ituze n'umutekano.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro wari n'Umuvugizi w'izi ndorerezi yasoje inama yizeza izi ndorerezi ko hagiye gutegurwa raporo irambuye izashyikirizwa Inama Rusange izaterana mu gihe cya vuba kugira ngo iyemeze mbere yo gushyikirizwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

# KOMISIYO ZIHORAHO Z'IHURIRO ZASUZUMYE ZINEMEZA RAPORO Y'IBIKORWA BYAZO BY'UMWAKA WA 2017-2018

*Muri uku kwezi kwa Nzeri 2018, Ku Biro by'Ihuriro, hateranye inama za Komisiyo zihoraho z'Ihuriro, zisuzuma, zinemeza raporo y'ibikorwa byakozwe mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018.*

**Komisiyo ishinzwe Itumanaho no kungurana ibitekerezo, yateranye kuwa gatanu tariki ya 21 Nzeri 2018.**



*Abagize Komisiyo Ishinzwe Itumanaho*

Abagize Komisiyo bashimye ko muri rusange, ibikorwa byateguwe na Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018 byagezweho ku kigereranyo gishimishije. Bavuga ko Inama zisanzwe za Komisiyo zarateranye, ziganira ku ngingo zinyuranye.

Bashima by'umwihariko ko bateguye insanganyamatsiko zaganiriweho mu nama z'Inama Rusange z'Ihuriro; bategura Inama yo ku rwego rw'Igihugu ku "Inganzo y'Ibitekerezo bya Politiki n'imiyoborere y'u Rwanda", bategura inama nyunguranabitekerezo y'Abayobozi Bakuru mu Mitwe ya Politiki ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga nk'uburyo bwakwifashishwa mu bikorwa by'Imitwe ya Politiki (Workshop on ICT as a tool driving Political parties operations), banategura ikiganiro ngarukamwaka tariki ya 01 Nyakanga, ku Uruhare rw'Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki mu guharanira ubwigenge nyabwo bw'u Rwanda n'ubw'Afurika muri rusange. Muri iyi nama abagize Komisiyo bemeje ko ibi bikorwa byatumye Ihuriro rikomeza kuzuza inshingano zaryo zo kuba urubuga nyunguranabitekerezo, ruhuza Imitwe ya politiki n'Inzego nkuru z'Igihugu bakajya inama kuri politiki n'ibibazo biremereye Igihugu.

Mu bikorwa byakozwe kandi byashimwe ko byagenze neza harimo amahugurwa y'abanyamakuru yateguwe ku bufatanye bw'Inama Nkuru y'Itangazamakuru (MHC), Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) n'Ihuriro, amahugurwa bavuze ko yongeye gushimangira imikoranire n'ubufatanye bikwiye gukomeza kuranga Inzego za Leta mu kubaka ubushobozi bw'ibitangazamakuru n'abanyamakuru hubahirizwa amategeko n'ubwisanzure bw'Inzego zose.

**Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane, yateranye kuwa gatatu tariki ya 26 Nzeri 2018.**



*Abagize Komisiyo bashimye ko muri rusange, ibikorwa byateguwe na Komisiyo*

Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018 byagezweho ku kigereranyo gishimishije. Bavuga ko Inama zisanzwe za Komisiyo zateranye, ziganira ku ngingo zinyuranye zemejwe.

Bagaragaza by'umwihariko ko bateguye inama nyunguranabitekerezo ku buhanga bwo gusesengura, gukumira, no gukemura amakimbirane ya poltiki; Inama yahuje Abayobozi Bakuru mu Mitwe ya politiki; abagize Komisiyo zose z'Ihuriro; Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu (NCHR). Ikaba yarabaye umwanya wo kuganira ku buryo bwiza bwo kunoza imikorere n'imiyoborere y'Imitwe ya Politiki mu rwego rwo gukomeza guteza imbere ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu no gushimangira imiyoborere myiza. Ikindi abagize komisiyo bashimye, ni uko Komisiyo yagize uruhare rukomeye mu gutangira kuvugurura Umushinga w'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro, iki gikorwa kikaba kigikomeza, kandi kigenda neza, kikazarangira Ihuriro rifite Amategeko Ngengamikorere ajyanye n'inshingano zaryo anarifasha gukomeza kunoza imikorere n'imikoranire n'Imitwe ya politiki irigize .

Bashimye ko muri uyu mwaka kandi, Komisiyo yakomeje gukurikirana ishyirwa mu bikorwa no kunononsora gahunda y'igihe kirekire y'amahugurwa ku buhanga bwo gukumira, gusesengura no gukemura amakimbirane ya Politiki (Long Term capacity building plan on Conflicts prevention, analysis, and resolution). Iyi nyandiko ikaba igamije gushyiraho imirongo migari n'icyerekezo byajya bishingirwaho n'Ihuriro na Komisiyo Mbonezabupfura y'Ihuriro mu gutegura amahugurwa agenewe za Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki.

**Komisiyo ishinzwe Gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n'ubufatanye n'izindi nzego, yateranye kuwa kane tariki ya 27 Nzeri 2018.**



*Abagize Komisiyo Ishinzwe Gahunga*

Abagize iyi Komisiyo bashimye ko muri rusange, ibikorwa byateguwe na Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018 byagezweho uko byari biteganyijwe. Bavuze ko inama zisanzwe n'izidasanzwe za Komisiyo zateranye, ziganira ku ngingo zinyuranye.

Bagaragaza by'umwihariko ko basuzumye, banatanga inama kuri gahunda z'ibikorwa na raporo z'ibikorwa by'Ihuriro, basuzuma kandi banatanga inama kuri raporo y'ubugenzuzi bw'imari n'umutungo by'Ihuriro. Komisiyo kandi yanatanze ibitekerezo ku ivugururwa rya "Job profile" z'imyanya y'imirimo mu Ihuriro; initabira umwiherero w'abagize Komisiyo zose z'Ihuriro ari nawo watorewemo abagize Biro ya Komisiyo iriho muri iki gihe. Izi Komisiyo zose zashimye Inama Rusange y'Ihuriro, Biro, n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa, uburyo bazifashije mu kurangiza neza inshingano zayo muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018.

**ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU**

ITANGAZO RY'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI KU MATORA Y'ABAGIZE INTEKO ISHINGA AMATEGEKO/UMUTWE W'ABADEPITE YO KU WA 2-4 NZERI 2018

Mu rwego rwo gukurikirana amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko/Umutwe w'Abadepite, yabaye kuva tariki ya 2 kugeza tariki ya 4 Nzeri 2018, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryohereje Indorerezimirongo icyenda n'icyenda (99) zituruka mu Mitwe ya politiki irigize, mu Turere twose tw'Igihugu gukurikirana uko ibikorwa by'amatora byagenze.

Ubutumwa bwahawe indorerezi z'Ihuriro bwari ubu bukurikira:

- Kureba uko ibikorwa by'imyiteguro y'ahabera amatora bikorwa;
- Kureba ko ibikoresho by'amatora byageze ahabera amatora ku gihe;
- Kureba uko amatora yitabiriwe;
- Kureba uburyo amatora nyirizina akorwa;
- Kureba ko uburenganzira bw'abaje gutora bwubahirizwa;
- Kureba muri rusange uko umutekano n'ituze byaranze amatora; Kureba uburyo ibyavuye mu matora byakiriwe n'abaturage.

**IMYITEGURO Y'AMATORA**

Ku byerekeye ahatorerwa, indorerezi z'Ihuriro zashimye uburyo ahabereye amatora hari isuku kandi hateguye neza;

Ku byerekeye ibikoresho by'amatora, indorerezi z'Ihuriro zabonye ko ibikoresho byahagereye igihe kandi byari mu mwanya wabyo mbere y'itora nyirizina.

Indorerezi kandi zabonye ko ibyumba by'itora n'ubwihugiko byari biteguye neza ndetse n'imiterere yabyo yerekanaga ko utora atora mu ibanga no mu bwisanzure.

**AMATORA NYIRIZINA**

Indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye itora ry'abadepite batorwa mu buryo butaziguye n'itora ry'abadepite batorwa mu buryo buziguye.

Muri aya matora, indorerezi z'Ihuriro zabonye ko abaturage batoye mu mucyo no mu bwisanzure hubahirizwa amategeko agenga amatora n'amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

**IBARURA RY'AMAJWI**

Ibarura ry'amajwi ryabaye ku mugaragaro, rikurikiranwa n'abahagarariye abakandida n'ababishaka bose harimo n'indorerezi.

**UMWANZURO**

Indorerezi z'Ihuriro zemeza ko amatora y'abagize Inteko Ishinga amategeko/Umutwe w'Abadepite yakozwe neza haba mu myiteguro, haba no mu gihe cy'itora nyirizina.

Indorerezi z'Ihuriro zasanze abaturage barasobanuriwe bihagije ibijyanye n'amatora kandi baranashishikarijwe kuyitabira ku buryo abaturage barangije igikorwa cyo gutora mbere y'igihe cyagenwe.

Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki ryashimye ubwitabire bw'abaturage muri aya matora, rikaba riboneyeho n'umwanya wo gushima Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'inzego zinyuranye zagize uruhare muri aya matora, agakorwa mu bwisanzure, ituze n'umutekano.

Bikorewe i Kigali kuwa 5/09/2018.

**BURASANZWE Oswald**
**Umuvugizi w'indorerezi z'Ihuriro**